# 83: Umutwaro wanjye

1.

Umutwaro wanjye, Krisito, Warawikoreye. Bakubambye ku Musaraba,Ni jyewe wazize;
Unkuraho wa mutwaro : Sinkiwikoreye !

2.

Igikombe cyanjye cyarimo Kuvumwa n'urupfu; Nuk' ucyiranguza kubwanjye; Ibyo bisharira,
Uherak’ ubisimbuza Ibyiza by'ijuru.

3.

Uwiteka wang' ibyaha pe Yabanguy' inkoni Ariko si jye yakubise, Ahubwo ni
Wowe i lyo mibyimba, Krisito, Ni yo yankijije !

4.

Haguy’ iy' nkundura, Yesu,Jye nkunamamw ubwo; Iguhitiraho ku Giti, Jye
ntiyanyagira. Yarakunshocaguriye; None, hareyutse.

5.

So yakuy inkota ye yera,Aragusogota; Umutima waw' uhinduka Urwubati rwayo.
Non' iyo nkot' iragimbye : Nta cy' ikintwar' ubu !

6.

Jye napfanye nawe, Krisito, Ubwo wamfiraga; Urazuka, nzukana nawe,Uraz'
unturamo. Non' untungany' unyeze de, Uzangez' i Wawe.

Visit us at indirimbo.com